/G.S./

l'Aide.

Vu 29.8.80

# AVIS

Au stade où se trouve cette association, je pense que le Ministère de la Jeunesse et des Sports ne peut pas accorder son aide.

Cette demande concerne les Départements de l'Education Nationale et des Affaires Sociales et du Mouvement Coopératif.

Seulement, il y a lieu de suivre l'évolution de cette association pour ~~la~~ lui venir en aide au moment opportun.

RUTAMBUKA.-

avis conforme 26.8.80

27/8

UNITE St.ANTOINE
B.P. 682
KIGALI

GIKONDO, Le 18/07/1980

Mr Rutsimbuko 20.7.80

A traiter par : Jeunesse
Date entrée : 21-7-80
N° Classement : 6.918/19/.04

Bwana Ministri w'Imizamukire yAbaturage
na za Koperative
**KIGALI**

Au Ministre 23/7/80

Nyakubahwa Bwana Ministri,

Urubyiruko rw'i Gikondo rumaze umwaka n'igice rugerageje kwiremamo "Mouvement Scout" yiswe Unité St.Antoine.

Kuva iyo unité yabaho ntiyataye igihe kuko ifite abahungu (scouts) n'abakobwa (guides) bageze kuli 30 ku buryo na Commune yasanze ishyigikiye icyo gitekerezo ikaduha inzu ndetse n'aho dushobora guhinga twigisha urubyiruko. Ubu twejeje amasaka ndetse n'ibishyimbo.

Si ibyo gusa aliko, twagerageje no kwita ku burezi ku buryo ubu mu mwaka w'amashuli 1979-1980 twigishije utwana duto(gardienne) tugeze kuli 150.

Amafaranga ababyeyi batanze (300 frs par an et par enfant); n'ubwo bose batabashije gukomeza kubera ko ababyeyi bamwe batabashije kuyatanga, ntabwo yali ashoboye guhemba umurezi no kugura ibikoresho bituma rero twiyemeza kugulisha imyaka twejeje ndetse n'umwe muli twe yemera kudutiza ameza n'udutebe.

Kubera izo ngorane zose tugenda duhura nazo mu migambi twiyemeje, nicyo kiduteye kubandikira iyi baruwa tubasaba ko mwadufasha kugira ngo tutazanalirwa mu nzira kandi twumvaga duhuje n'amatwara ya M.R.N.D. n'amabwiliza y'Umubyeyi w'Igihugu.

Mu ntambwe ya mbere, twabasaba kuba mudushakiye umurezi cyakora mwasanga mushobye no kutubonera ibikoresho (matériel didactique) tukaba twabibashimira cyane.

Ahasigaye, Nyakubahwa Bwana Ministri, uwibwira umuzi ntavuka. Twizeye ko uko musanzwe mwalitangiye imizamukire y'abaturage, muzumvana impuhwe ikibazo cy'Urubyiruko rwa Gikondo mukadufasha.

Mu gihe tugitegereje igisubizo cyanyu kiza, tubashimiye kandi dusaba Imana kubatera inkunga mu milimo mushinzwe.

Umukuru wa Unité St.Antoine
KAZUNGU Viateur
P.O. [signature]

c.c.à: Mr.le Ministre de l'Education Nationale
Mr.le Ministre de la Jeunesse et des Sports
Association des Scouts au Rwanda
Association des Guides au Rwanda
Mr.le Préfet de Préfecture de Kigali
Mr.le Bourgmestre de la Commune Urbaine de Nyarugenge
Mr.le Conseiller de Secteur Gikondo

A faire taper
21.8.80

## Avis

Au stade où se trouve cette association, je pense que le Ministère de la Jeunesse et des Sports ne peut pas accorder son aide.

Cette demande concerne les Départements de l'Education Nationale et des Affaires Sociales et du Mouvement Coopératif.

Seulement, il y a lieu de suivre l'évolution de cette association pour la venir en aide au moment opportun.

20/8/80

[signature]

RUTAMBUKA